MINISTRY OF FOREIGN AFFAIRS AND COOPERATION

DIASPORA GENERAL DIRECTORATE

DIASPORA E-NEWSLETTER No. 22/2009

18th- 23th January 2009

- **DIASPORA ISI YOSE: One dollar campaign for Genocide Survivors, igikorwa kizahindura ubuzima bw'imfubyi zibura aho zitaha mu gihe cy'ibiruhuko.**

DIASPORA ISI YOSE: One dollar campaign for Genocide Survivors, igikorwa kizahindura ubuzima bw'imfubyi zibura aho zitaha mu gihe cy'ibiruhuko.

Nkuko byemejwe mu myanzuro yavuye mu mwiherero wa Diaspora, abanyarwanda bose bo muri Diaspora biyemeje gukusanya inkunga yo gufasha abana bacitse ku icumu biga mu mashuri yisumbuye babura aho bataha mu gihe cy'ibiruhuko.

Iki gikorwa kikaba cyariswe Diaspora One dollar campaign, ibi bikaba bigamije guha buri wese amahirwe yo gutera inkunga abacitse ku icumu byibuze hatangwa idolari rimwe kuri buri munayrwanda ugize Diaspora n'inshuti z'u Rwanda.

Iki gikorwa kikaba kirimo gutegurwa kugirango kizatangire mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 15 abazize Jenoside y'abatutsi , guhera mu kwezi kwa Mata kikagera muri Nyakanga kikamara iminsi ijana nk'iyo Jenoside yamaze.

Iki gikorwa kiramutse kigenze neza gishobora kuvamo amafaranga atagira ingano.

Ibi bikaba bizakorwa hakoreshwe cyane ubufatanye bw''ambasade z'u Rwanda mu mahanga n'amashyirahamwe ya Diaspora mu bihugu bitandukanye hirya no hino ku Isi. Abari bateraniye mu miherero wa Diaspora guhera ku wa 21-22/12/2008 bakaba barahise bakusanya inkunga ingana na 300.280 RWF aya mafaranga azashyirwa kuri konti iri muri BNR (Banki Nkuru y'Igihugu) Iyi Konti niyo izahurizwa amafaranga yose azaturuka ku makonti azaba yafunguwe ku isi hose Haba amakonti ya z'ambasade cyangwa ay'andi mashyirahamwe y'abagize Diaspora Nyarwanda cyangwa Inshuti z'u Rwanda.

Tubibutse ko iki gikorwa kizakorwa ku bufatanye bw'Ubuyobozi Bukuru bwa Diaspora na Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe kurwanya Jenoside, IBUKA, AVEGA, Minaloc n'izindi nzego za Leta n'izabikorera.

Mu minsi mike tuzabagezaho website y'iki gikorwa muzajya mukuraho amakuru arambuye.